



Project 3

UMUSHINGA WO KURWANYA ISURI MU MIRENGE YA RUGARAMA NA CYANIKA

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: UMUSHINGA WO KURWANYA ISURI MU MIRENGE YA RUGARAMA NA CYANIKA was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People.



for a living planet



Izina ry'umushinga : Umushinga wo kurwanya isuri mu mirenge ya Rugarama na Cyanika

Umwirondoro wa nyiri umushinga :

- Ubudehe bw'imirenge wa Rugarama na Cyanika
- Ubudehe bukorera mu tugari tugize imirenge wa Rugarama na Cyanika : akagari ka Gafumba, Karangara, Cyahi, Rurembo, Gasiza, Gisovu, Kamanyana, Kabyiniro, Nyagahinga na Kagitega.
- Imirenge ya Rugarama na Cyanika ifite abaturage 55.729
- Rugarama yonyine ifite abaturage 21.342
- Cyanika yonyine ifite abaturage 34.387
- Ubudehe bw'umurenge wa Rugarama na Cyanika bwatangiye mu w'2006, bwatanze amatungo magufi ku baturage bagera kuri 17%

Mu mwaka w'2007 abaturage b'umurenge wa Rugarama babashije kwigurira imodoka yo kubafasha kubona itaka ryo kubakisha amazu ku buryo bworoshye ndetse no kubaka amashuri y'incuke naho ubudehe bwa Cyanika bwubatse amashuri abanza.

Aho umushinga uzakorera

- Umushinga wo kurwanya isuri uzakorera mu murenge wa Rugarama na Cyanika.
- Umurenge wa Rugarama na Cyanika uherereye mu karere ka Burera, iyo mirenge yombi ikaba ikora kuri pariki y'ibirunga cyane cyane ikaba ituriye ikirunga cya Muhabura ; abaturage b'yo mirenge ubukungu bwabo bushingiye ku buhinzi n'ubworozzi.
- Muri rusange abaturage baho ntibabona umusaruro uhagije. Ibikorwa remezo bihari ni umuhanda wa kaburimbo uhuza akarere ka Musanze n'igihugu cya Uganda ufile km 25, imihanda mito yahanzwe n'abaturage ikunda kwangizwa n'isuri.
- Amashuri abanza : Cyanika 6, Rugarama 8
- Amashuri yisumbuye : Cyanika 2 , Rugarama 1

- Amashuri y'incuke ari muri buri kagari mu mirenge yombi ni ukuvuga 10. Isoko rya Rugarama riremwa nibura n'abantu 11.000 (Burera, Musanze, Uganda na RDC)

Impamvu z'umushinga

Gusesengura ibibazo

Abaturage b'imirenge ya Rugarama na Cyanika bafite ikibazo cy'umusaruro muke ndetse n'ubukene byabaye karande bitewe n'isuri itembana ubutaka, imyaka, amazu, amatungo ndetse n'abantu. Bityo ahari ubutaka hasigara urwara (agasi) n'ibihanamanga. Ibyo bikaba bigaragara cyane mu tugari duturiye pariki y'ibirunga ar two : Karangara, Cyahi, Gasiza, Kabyiniro na Nyagahinga kandi utwo tugari tumaze kwangirika n'utundi tugira ingaruka.

Abaturage ntibagihinga imishingiriro (ibishyimbo) kuko ibiti babishingirizaga babikuraga mu ishyamba bakaryangiza bagera kuri 0.43%

Kubera ikibazo cy'urwuri ruke, abaturage bakaba nta bwatsi bw'amatungo babona, nta matungo borora, ku bw'ibyo bakabura ifumbire yo gufumbira agasi kasizwe n'isuri, ubukene bugakomeza kuba karande.

Impamvu twahisemo uyu mushinga

- Umushinga wo kurwanya isuri dutera imigano n'urubingo mu myuzi no ku nkengero z'imirima y'abaturage uzafasha mugukemura ikibazo cy'isuri mu mirenge ya Rugarama na Cyanika bityo ubutaka bw'abaturage, imyaka, amazu, amatungo n'abantu ntibongere gutsembwa n'isuri maze babashe kubona umusaruro.
- Uyu mushinga kandi uzafasha mugukemura ikibazo cy'imishingirizo maze abaturage bangiza ishyamba bagera kuri 0.43% bagabanuka bakagera nibura kuri 0.11% abandi bakaba babona imishingirizo badasubiye mu ishyamba ndetse n'imyaka yabo ntirandire hasi, babashe kubona umusaruro ubatunga.
- Uyu mushinga kandi uzakemura ikibazo cy'ubwatsi bw'amatungo bave kuri 15% bagere nibura kuri 32% kuko urubingo bazaba bateye bazarugaburira amatungo kandi babashe kubona n'ifumbire yo gufumbiza imirima yabo kandi rurinde n'isuri.
- Uyu mushinga uzaza wunganira gahunda ya Leta yo kurwanya isuri nko guckura imiringoti bive uri 17% bigere kuri 24%.
- Uyu mushinga kandi uzunganira mu gucukura ibyobo byo gufata amazi bive kuri 7.1% bigere nibura kuri 15%.

- Gutera urubingo n'ibyatsi bive kuri 30% bigere kuri 54%
- Gutera imigano mu myuzi bive kuri km 1 bigere kuri km 10.

Intego z'umushinga

Intego rusange

- Kugabanya isuri mu mirenge ya Rugarama na Cyanika

Intego zihariye

Nyuma y'umwaka n'amezi 2 hazaba hamaze gukemuka ibibazo bimwe na bimwe

- Kurwanya isuri ku myuzi
- Kurwanya isuri ku mirima y'abaturage

Abagenerwabikorwa

Abagenerwabikorwa b'ako kanya (ba nyiri umushinga)

Abagenerwabikorwa b'ako kanya ni abaturage bo mu tugari twegereye PNV ari two : Karangara, Cyahi, Gasiza, Kabyiniro na Nyagahinga.

Abaturage bose ni 27.864 bo muri utwo tugari: abagabo 10.671 n'abagore 17.193.

Abaturiye aho umushinga uzakorera:

- Abaturage b'utugari: Rurembo, Gafumba, Gisovu, Kagitega na Kamanyana
- Abaturage baturiye utwo tugari ni 27.857: abagabo 11.415 n'abagore 16.442
- Pariki y'ibirunga
- Ibigo by'amashuri : ayisumbuye ni 4 harimo E.S. Kidaho, E.S. Butete, E.S. Gahunga na CEPEM
- Hari abazaturuka hanze y'imirenge ya Rugarama na Cyanika.

Ingamba/ikoranabuhanga

- Kumenya imiterere y'ahantu hazarwanywa isuri, byakorwa habarurwa imyuzi iva muri PNV ndetse n'imirima itarwanyijweho isuri iri mu tugari

dukora kuri PNV, hifashishijwe amakuru yatanzwe n'abaturage baturiye aho ndetse na komite nyobozi z'imidugudu muri za raporo batanga.

- Gutera urubingo hakoreshejwe imbuto ya kijyambere nka "Flash cameroun" hifashishijwe inzobere mu buhinzi bwa kijyambere zigenda zerekera abaturage mu murimo wo gutera ku mpande z'imirima ku miringoti.
- Gutera imigano hakoreshejwe uburyo kwo kwinaza imbuto z'imigano, hifashishijwe inzobere mu buhinzi mu guhitamo imbuto nziza n'uburyo bwo kubikora. Hubakwa za pepiniyeri muri buri kagari icyo gikorwa kigiye gukorerwamo
- Gutera ibiti ndumburabutaka nka calliandra, arinus, cederela, imibirizi n'iminyegenyege hifashishijwe inzobere mu buhinzi hubakwa za pepiniyeri muri buri kagari icyo gikorwa kigiye gukorerwamo.
- Gucukura imiringoti no gusibura ishaje, igacukurwa ku buryo butambitse igaterwaho urubingo na flash cameroun. Ibyo byose bigakorwa hifashishijwe inzobere mu buhinzi, bagenda berekera abaturage.

Imbonerahamwe y'ibikorwa by'umushinga

Intego ya 1 yihariye : Kurwanya isuri ku myuzi

| N° | Igikorwa | Icipimo | Igenzura aho wakura amkuru | Inzitizi |
|-----|--|--|--|---------------|
| 1.1 | Kwinaza ingemwe z'imigano n'ibiti ndumburabutaka | 11.000 ingemwe mu mezi 4 z'imigano 32.000 z'ibiti ndumburabutaka | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu buri kwezi | Izuba ryinshi |
| 1.2 | Guhinga ahazaterwa ingemwe n'ingeri z'urubingo | Hegitari 1,5 mu gihe cy'amezi 2 | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | |
| 1.3 | Gutera ingemwe z'imigano, ingeri z'urubingo | Hegitari 1,5 mu kwezi 1 | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | |
| 1.4 | Kubagara | Hegitari 1,5 | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | |

Intego ya 2 : Kurwanya isuri ku mirima y'abaturage


| N° | Igikorwa | Icipimo | Igenzura aho wakura amkuru | Inzitizi |
|-----|--|-------------------------------|---------------------------------------|--------------------|
| 2.1 | Gucukura imiringoti | Hegitari 4 mu mezi 6 | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | Ibitare by'amabuye |
| 2.2 | Gusibura imiringoti ishaje | Hegitari 1 mu kwezi n'igice | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | Ibinogo by'amabuye |
| 2.3 | Gutera imbingo, ibiti ndumburabutaka ku mirima y'abaturage | Hegitari 4 mu gihe cy'amezi 3 | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | |
| 2.4 | Kubagara | Hegitari 4 mu gihe cy'amezi 6 | Raporoz'ubudehe na komite mu mudugudu | |

Ihererekana rya raporo : Komite y'ubudehe mu mudugudu iha raporo Akagari , nako kayiha Umurenge, wo ukayigeza k'Umuterankunga

| | Igikorwa | Amakuru akenewe | Igihe | Ushinzwe | | |
|---|---|---|--------------|------------------------------|---------------------|-----------------|
| | | | | Uzakusanya | Uzasesengura | Uzahuzia |
| 1 | Kurwanya isuri mu myuzi | <ul style="list-style-type: none"> •Kumenya aho ingeri z'urubingo, ingemwe z'imigano n'ubwoko bwiza aho bizaturuka •Kumenya ingero zizagenderwa ho batera n'igihe cy'ihinga n'ibagara •Kumenya inzobere zizakora mu mushinga | Ukwezi 1 | Komite y'ubudehe mu mudugudu | Ubudehe mu kagari | Mu mureng e |
| 2 | Kurwanya isuri ku mirima y'abaturage | <ul style="list-style-type: none"> •Kumenya imirima itarwanyijeho isuri •Kumenya imiringoti yasibye •Kumenya inzobere zizakora umushinga | Ukwezi 1 | Komite y'ubudehe mu mudugudu | Ubudehe mu kagari | Mu mureng e |

N.B. : Isuzuma rizajya rikorwa buri mezi 3 (mu gihembwe)

Uburyo ihererekanya rya raporo ku ikurikira n'isuzuma ry'umushinga bikorwa urebeye ku gishushanyo.



Akamaro/ingaruka z'umushinga

Mu bukungu

- Abaturage bazahinga hanyuma umusaruro wiyongere : abaturage babone amafaranga. Abaturage bazorora, ubworozi bwiyongere babone amafaranga
- Abaturage nibamara kubona amafaranga bazavugurura imibereho myiza, biyubakira amazu meza yo guturamo, biyubakira ibigega bifata amazi akomoka ku mazu, bigurira amagare, amaradiyo, amamodoka n'ibindi.
- Amafaranga naboneka abaturage baziybakira amashuri y'incuke n'ibindi bikorwa remezo nko kwisanira imihanda y'imigenderano kugira ngo umusaruro ugere ku isoko.

Ku mibereho myiza

- Umusaruro nuboneka, imirire, imiyivurize, imiturile, imyambarire, imyigire bizorohera abaturage
- Imirire mibi yari mu baturage izahinduka myiza kuko bazaba babonye umusaruro ushimishije
- Abaturage bazabasha kwiyubakira amazu ya kijyambere
- Ababyeyi bazabasha kurihira abana babo mu mashuri ari ayisumbuye ndetse na kaminuza.

Ku bidukikije

- Ubutaka n'ibikorwa remezo ntibizongera kwangirika kuko uburyo bwo kurwanya isuri buzaba bwagezweho ndetse ubwatsi bw'amatungo n'imishingirizo bizaboneka bityo abaturage bajyaga kubishakira mu ishyamba (PNV) bizagabanuka
- Inzira zizaba nyabagendwa kuko imihanda n'amateme bitacyangizwa n'amazi. Ndetse amashuri, amatungo n'abantu ubwabo ntibizongera gutembanwa n'amazi

Ku bwuzuzanye n'uburinganire

- Ubukungu nibuboneka abagore bazagabanukirwa ku mirimo yo mu rugo kuko bajyaga gushakira inkwi mu ishyamba, ubwatsi ndetse n'imishingirizo
- Abagore n'abagabo bazagira uruhare mu kubona imirimo yo gucukura ibyobo, gutera urubingo babihemberwa
- Umutekano mu ngo kubera ibiry

Uburambe bw'umushinga

Nyuma y'inkunga y'umushinga :

- Ibikorwa bizakomeza gukurikiranwa na ba nyir'umushinga basimbuza kandi batera n'ahandi hagaragara ko ari ngombwa ku harwanya isuri biturutse ku bumenyi bazaba barabonye ndetse n'ibiza bazaba barangutse.
- Nyuma y'inkunga y'umushinga, abaturage bazakomeza gucunga ibikorwa by'umushinga ndetse banunguka amafaranga azakomoka ku musaruro w'ibishyimbo uzaterwa n'ibishingirizo bazaba barakuye ku biti byatewe ndetse n'amafaranga azava ku misingirizo izagurishwa, amafaranga kandi akaba azakomoka ku bwatsi bw'amatungo buzaba busarurwa buri gihe. Ibyo byose umuturage azaba yunguka bizamufasha kumva ko umushinga ari uwe akagira imbaraga zo guhora awukurikirana.
- Nyuma y'inkunga y'umushinga kandi umushinga kubera uzaba waragiriye abaturage akamaro n'ighugu muri rusange, imiyoborere izaba yarabonye umurongo ngenderwaho kuri kiriya gikorwa cyo kurwanya isuri mu mirenge ya Rugarama na Cyanika, bityo ubuyobozi bufatanye n'abaturage gusigasira igikorwa rusange kizaba cyaragiriye abaturage akamaro.

Ingengo y'imari y'ibikorwa by'umushinga

Intego ya 1 : Kurwanya isuri ku myuzi

| Igikorwa | Ibikenewe | Ingano | Ikiguzi cya kimwe | Ikiguzi cya byose |
|---|---|-----------------------------|------------------------------------|---------------------------------------|
| 1. Kwinaza ingemwe z'imigano n'ibiti ndumburabutaka | <ul style="list-style-type: none"> • Umurima • Umurama w'imigano • Umurama w'ibiti ndumburabutaka • abakozi | Are 8 5 kg 6 kg 50 | 100.000 6 000 5.500 1 000 | 800.000 30.000 33.000 50 000 |
| 2. Guhinga ahazaterwa ingemwe n'ingeri z'urubingo | <ul style="list-style-type: none"> • Abakozi • Abakozi | 50 50 | 1.000 1.000 | 50.000 50.000 |
| 3. Kubagara | Abakozi (abangurambaga b'isuri) | 15 | 1 000 | 15 000 |
| Igiteranyo | | | | 1 028 000 |
| Intego ya 2 : Kurwanya isuri ku mirima | | | | |
| 1. Gucukura imiringoti | Abakozi | 50 | 1.000 | 50.000 |
| 2. Gusibura imiringoti ishaje | Abakozi | 30 | 1.000 | 30.000 |
| 3. Gutera imbingo ku mirima y'abaturage | Abakozi | 15 | 1.000 | 15.000 |
| 4. Kubagara | Abakozi | 50 | 1.000 | 50.000 |
| 5. Ibikorwa by'umuganda | Abakozi | 1.500 | 500 | 750.000 |
| Igiteranyo | | | | 895 000 |

Ibikoresho biramba

| N° | Icyo ari cyo | Ingano | Ikiguzi cya kimwe | Ikiguzi cya byose |
|-------------------|-------------------|-------------|----------------------|----------------------|
| 1. | Kubaka pepiniyeri | 5 | 196.000 | 980.000 |
| 2. | Arrosoir | 8 | 5.000 | 40.000 |
| 3. | Amajerikani | 8 | 2.000 | 16.000 |
| 4. | Amasuka | 250 | 2.500 | 625.000 |
| 5. | Ibitiyo | 200 | 3.500 | 700.000 |
| 6. | Amapiki | 150 | 5.000 | 750.000 |
| 7. | Imihoro | 200 | 1.000 | 200.000 |
| 8. | Ingorofani | 10 | 2.500 | 250.000 |
| 9. | Inyundo | 25 de 15 kg | 15.000 | 375.000 |
| 10. | Imitarimba | 20 | 8.000 | 160.000 |
| 11. | Rateau | 20 | 3.000 | 60.000 |
| 12. | Amakamba | 10 | 6.000 | 60.000 |
| 13. | Decamètre | 10 | 7.000 | 70.000 |
| Igiteranyo | | | | 4.286.000 |

Imishahara, ingendo n'ibikoresho by'ibiro

| N° | Icyo ari cyo | Ingano | Ikiguzi cya kimwe | Ikiguzi cya byose |
|-------------------|---------------------------------|--------------------|-------------------------|----------------------|
| 1. | Carburant ya moto | 800 l/2ans | 1.000F/l | 800 000 |
| 2. | Imishahara y'abakozi bo kwinaza | 4 mois//10 abakozi | 300.000/mois/10 abakozi | 1.200.000 |
| 3. | Ibitabo (journal) | 15 | 2.000 | 30.000 |
| 4. | Impapuro | 40 paquets | 3.500 | 140.000 |
| 5. | Amakaramu | 40 paquets | 4.000 | 160.000 |
| 6. | Classeur | 20 | 3.500 | 70.000 |
| 7. | Calculatrice | 10 | 4.500 | 45.000 |
| 8. | Agrafeuse | 5 | 5.000 | 25.000 |
| 9. | Perforateur | 5 | 5.000 | 25.000 |
| Igiteranyo | | | | 2.495.000 |

Ingengabihe y'igikorwa

| Igikorwa | Umwaka wa 1 | | | | | | | | | | | | Umwaka wa 2 | |
|---|-------------|---|---|---|---|---|---|---|---|----|----|----|-------------|---|
| | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | 11 | 12 | 1 | 2 |
| 1. Kwinaza ingemwe z'imigano n'ibiti ndumburabutaka | x | x | x | x | | | | | | | | | | |
| 2. Guhinga ahazaterwa ingemwe n'ingeri z'urubingo | | | | x | x | | | | | | | | | |
| 3. Gutera ingemwe z'imigano n'ingeri z'urubingo | | | | | | x | | | | | | | | |
| 4. Kugabara | | | | | | | x | x | x | x | | | | |
| 5. Gucukura imiringoti | x | x | x | x | x | x | | | | | | | | |
| 6. Gusibura imiringoti | | | x | x | x | | | | | | | | | |
| 7. Gutera urubingo n'ibiti ndumburabutaka | | | | | | x | x | x | | | | | | |
| 8. Kubagara | | | | | | | | x | x | x | x | x | | |

Igiteranyo cy'ingengo y'imari

| Icyo ari cyo | Umubare |
|--|------------------|
| Igikorwa | 1.923.000 |
| Ibikoresho | 4.286 000 |
| Imishahara, ingendo, ibikoresho by'ibiro | 2.495 000 |
| Igiteranyo | 8.704 000 |

Aho ingengo y'imari izaturuka

| | |
|-------------------|------------------|
| Abaturage | 1.923.000 |
| Inkunga | 6.781.000 |
| Igiteranyo | 8.704 000 |

N.B. : Uruhare rw'abaturage ni umuganda ukubiyemo ibi bikurikira :

- Abakozi bo guhinga
- Abo gutera no kubagara
- Gucukura imiringoti no gusibura iyasibamye

Umwanzuro w'umushinga

Muri rusange umushinga wo kurwanya isuri mu mirenge ya Rugarama na Cyanika ni mwiza ku buryo kuwutera inkunga byagira impinduka ku bijyanye n'icyerekezo 2020, kandi bikaba bigaragara ko uzaba igisubizo cy'ibibazo abaturage bari bafite ku bukungu, imibereho myiza, ibidukikije ndetse n'uburinganire mu iterambere ry'umugore.

Ari muri urwo rwego, uko bigaragazwa n'inyigo y'umushinga uzagira icyo ufasha ku baturage baba abajyaga konona PNV ari ababuraga umusaruro kubera ifatwa nabi ry'ubutaka bwabo, ndetse umushinga ukazagira uruhare rugaragara mu gukemura ibibazo by'abaturiye imirenge twavuze haruguru ndetse n'igihugu muri rusange.

Uyu mushinga wateguwe na:

1. TWAHIRWA Joseph
2. KANYANDEKWE Claver
3. MUJYARUGAMBA Albert
4. SIKUBWABO Alphonse
5. KANINGWA Faustin
6. MUKANKUBANA Marie Rose
7. NYIRAKAMANUTSI Zipora
8. NTEZIYAREMYE Emmanuel
9. NTAWUKIRAMWABO Adrien (Tel. 08522116)